REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA MU MWAKA WA 2024-2025

*Kanama, 2025*

**IJAMBO RY'IBANZE**

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 5 y'Itegeko nº 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, NEC ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika raporo by'ibikorwa byayo, ikagenera kopi Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Minisitiri w'Intebe na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano.

Raporo y'umwaka wa 2024-2025 igaragaza ibikorwa bikomeye byagezweho birimo gutegura no kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, amatora y'Abasenateri, ay'inzego z'ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali, ndetse n'amatora yo gusimbura mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu. Hatanzwe kandi inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora hagamijwe gukangurira abaturage n'ibyiciro bitandukanye amatora no kubongerera ubumenyi kuri demokarasi muri rusange n'inzira z'itora by'umwihariko.
Komisiyo yashyize imbaraga mu ikoranabuhanga mu matora, kunoza imikorere, imikoranire n'izindi nzego, itumanaho, imicungire y'umutungo n'ibindi bikorwa bitunganywa buri munsi.

Mu mwaka wa 2025-2026, Komisiyo izibanda muri rusange ku bikorwa by'imyiteguro y'amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu, kuvugurura ilisiti y'itora izifashishwa muri ayo matora hakoreshejwe ikoranabuhanga, amatora yo kuzuza inzego zitorerwa no gukomeza gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira Leta y'u Rwanda ku bufasha buhoraho iyigenera, abaturage ku bwitabire bwabo n'ubushake bagaragaje bwo kwihitiramo abayobozi, n'abandi bafatanyabikorwa bose bagize uruhare mu bikorwa byayo no kugera ku nshingano zayo mu mwaka wa 2024-2025.

**GASINZIGWA Oda**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora



KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

## ISHAKIRO


**IJAMBO RY'IBANZE** .......... **2**

**ISHAKIRO** .......... **3**

**ILISITI Y'IMBONERAHAMWE** .......... **4**

**1. INTANGIRIRO** .......... **5**

**2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE** .......... **5**

**3. IBYAKOZWE** .......... **6**

**3.1. GUTEGURA NO KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA** .......... 6
**3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA** .......... 6
***3.2.1. Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite*** .......... *6*
***3.2.2. Amatora y'Abasenateri*** .......... *14*
***3.2.3. Amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali*** .......... *14*
***3.2.4. Amatora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu*** .......... *15*
***3.2.5. Ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora*** .......... *16*
**3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA** .......... 16
**3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO** .......... 17
***3.4.1. Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo*** .......... *17*
***3.4.2. Imikoranire n'izindi nzego*** .......... *17*
**3.5. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... 18
***3.5.1. Imicungire y'abakozi*** .......... *18*
***3.5.2. Imicungire y'ingengo y'imari*** .......... *18*
**3.6. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... 20
***3.6.1. Imikorere y'Inama y'Abakomiseri*** .......... *20*
***3.6.2. Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa*** .......... *20*
**3.7. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... 20

**4. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2025-2026** .......... **21**

**5. UMUSOZO** .......... **21**

## ILISITI Y'IMBONERAHAMWE

*Imbonerahamwe ya 1: Ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 2024* ....8
*Imbonerahamwe ya 2: Abasenateri batowe n'amajwi bagize* ....14
*Imbonerahamwe ya 3: Abayobozi b'Umujyi wa Kigali batowe* ....15
*Imbonerahamwe ya 4: Imibare y'Abayobozi basimbuwe mu Nzego z'Ibanze no mu Nama z'Igihugu* ....15
*Imbonerahamwe ya 5: Imibare y'abahuguwe ku matora mu mwaka wa 2024-2025* ....17
*Imbonerahamwe ya 6: Ingengo y'imari Komisiyo yabonye n'uko yakoreshejwe mu mwaka wa 2024-2025* ....19

## AMAGAMBO AHINNYE

| | |
|---|---|
| AAEA | Ishyirahamwe ry'Inzego Nyafurika ziyobora amatora (Association of African Electoral Authorities/ Association des Authorités Electorales en Afrique) |
| CHENO | Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe (Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour) |
| DGPR | Ishyaka riharanira Demokarasi no kurengera ibidukikije mu Rwanda (Democratic Green Party of Rwanda) |
| FPR | Umuryango FPR- Inkotanyi (Front Patriotique Rwandais) |
| GSAS | Government Smart Administration System |
| MIFOTRA | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (Ministère de la Fonction Publique et du Travail/ Ministry of Public Service and Labour) |
| MINALOC | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (Ministry of Local Government) |
| MTEF | Medium Term Expenditure Framework (Igenamigambi ry'igihe giciriritse (imyaka 3) |
| NEC | Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (National Electoral Commission) |
| OIF | Umuryango w'Ibihugu bivuga Igifaransa (Organisation Internationale de la Francophonie) |
| PDI | Ishyaka Ntangarugero muri Demokarasi (Parti Démocratique Idéal) |
| PL | Ishyaka riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu (Parti Libéral) |
| PS | Ishyaka ry'Imberakuri Riharanira Imibereho Myiza (Parti Social) |
| PSD | Ishyaka riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage (Parti Social Démocratique) |
| REIMS | Porogaramu y'Ikoranabuhanga mu Miyoborere y'Amatora mu Rwanda (Rwanda Election Information and Management System) |
| RISA | Ikigo cy'u Rwanda cy'Ikoranabuhanga (Rwanda Information Society Authority) |
| SMS | Ubutumwa bugufi kuri telefone (Short Message Service) |


KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'umwaka wa 2024-2025 yateguwe hagamijwe gutanga ishusho rusange y'imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari yemejwe. Iyi raporo ishingiye ku igenamigambi ry'imyaka itanu (2022-2027), ndetse igaragaza uburyo ibyateguwe byashyizwe mu bikorwa, harimo ibyakozwe muri rusange mu rwego rwo kwitegura no kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, amatora y'Abasenateri, amatora y'abagize Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali n'amatora yo gusimbura abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu batari bakiri mu myanya ku nzego zitandukanye.

Raporo igizwe n'ibice by'ingenzi bikurikira: ibikorwa byari biteganyijwe, ibikorwa byagezweho mu buryo burambuye n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu mwaka ukurikiyeho wa 2025-2026.

## 2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE

Nk'uko bigaragara kuri gahunda y'ibikorwa ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2024-2025, ibikorwa by'ingenzi byari biteganyijwe ni ibi bikurikira:

1) Gutegura no kuyobora amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;
2) Gutegura no kuyobora amatora y'Abasenateri;
3) Gutegura no kuyobora amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali;
4) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza inzego zitorerwa;
5) Gukurikirana itegurwa rya Porogaramu y'ikoranabuhanga mu miyoborere y'amatora (REIMS);
6) Gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora;
7) Kunoza igenamigambi ry'umwaka wa 2024-2025, gutegura iry'umwaka wa 2025-2026 no gutegura raporo z'ibikorwa zitandukanye;
8) Gukora isuzumamikorere ry'abakozi ry'umwaka wa 2023-2024 no gutegura Imihigo y'umwaka wa 2024-2025;
9) Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu bitangazamakuru n'indi miyoboro y'itumanaho;
10) Guhuza Komisiyo n'izindi nzego no kunoza umubano n'imikoranire n'inzego;
11) Kuvugurura Itegeko Ngenga rigenga amatora;
12) Kuvugurura Amabwiriza Ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
13) Gutegura imfashanyigisho z'amahugurwa ku burere mboneragihugu ku matora;
14) Guhugura ibyiciro bitandukanye ku matora;
15) Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu miyoboro y'itangazamakuru itandukanye;
16) Gucunga abakozi, ingengo y'imari, amasoko, ibikoresho na serivisi.



KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

## 3. IBYAKOZWE

### 3.1. GUTEGURA NO KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye inanoza amategeko n'amabwiriza agenga amatora ku buryo bukurikira:

1. **Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 002/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga amatora y'abajyanama b'Uumujyi wa Kigali yo mu mwaka wa 2024:** yatangajwe mu igazeti ya Repubulika y'u Rwanda nomero idasanzwe yo ku wa 26/07/2024;
2. **Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 003/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga itora ry'Abasenateri ryo mu mwaka wa 2024:** yatangajwe mu igazeti ya Repubulika y'u Rwanda nomero idasanzwe yo ku wa 26/07/2024;
3. **Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n° 003/24 yo ku wa 26/07/2024 agenga itora ry'Abasenateri ryo mu mwaka wa 2024 yahinduwe n'amabwiriza n° 004/24 yo ku wa 05/08/2024** yatangajwe mu igazeti ya Repubulika y'u Rwanda n° 32 yo ku wa 05/08/2024.
4. **Umushinga w'Amabwiriza Ngengamikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**: hateguwe umushinga w'amabwiriza ngengamikorere ya Komisiyo.
5. **Ivugururwa ry'itegeko ngenga rigenga amatora:** umwaka wa 2024-2025 hakusanyijwe ibitekerezo ku ivugururwa ry'iryo tegeko.

### 3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA

Mu mwaka wa 2024-2025 hateguwe kandi hayoborwa amatora akurikira:

1. Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite;
2. Amatora y'Abasenateri;
3. Amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali;
4. Amatora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu.

Iki gice cy'iyi raporo kiragaragaza muri make iby'ingenzi kuri aya matora n'ibyayavuyemo muri rusange kuko raporo zirambuye z'ayo matora zarakozwe kandi zigezwa ku Nzego ziteganywa n'amategeko.

#### 3.2.1. Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'amatora yemejwe, amatora yakozwe mu minsi itatu ikurikira:

- **14 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga ku Banyarwanda baba mu Mahanga;
- **15 Nyakanga 2024:** amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'abakandida bigenga mu Rwanda;
- **16 Nyakanga 2024:** amatora y'Abadepite 24 b'abagore batorwa n'inzego zihariye hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu. Abadepite 2 batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Umudepite umwe utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga.

Ku batora 9,071,157 bari banditse ku ilisiti y'itora mu matora ataziguye ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 53 baturutse mu cyiciro cy'Imitwe ya Politiki n'abakandida bigenga, hatoye abangana na **8,907,876**, bitanga igipimo rusange cy'ubwitabire cya **98,20%**.

Hatowe Perezida wa Repubulika, Nyakubahwa KAGAME Paul ku gipimo cya **99.18%** n'Abadepite 80 bagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite nk'uko imbonerahamwe ikurikira yerekana uko Abakandida barushanyije amajwi n'imyanya y'Abadepite yegukanywe mu byiciro byose.



KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

*Imbonerahamwe ya 1: Ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite 2024*

| INTARA NA DIASPORA | AMATORA YA PERZIDA WA REPUBULIKA | | | AMATORA Y'ABADEPITE | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Abadepite 53 baturuka mu Mitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga | | | | | | | IBYICIRO BYIHARIYE | | |
| | Kagame Paul | Habineza Frank | Mpayimana Philippe | FPR-Inkotanyi | PL | PSD | PDI | DGPR-Green Party | PS Imberakuri | Nsengiyumva Janvier | ABAGORE | URUBYIRUKO | ABAFITE UBUMUGA |
| AMAJYARUGURU | 1,451,853 | 4,117 | 1,093 | 991,497 | 101,979 | 130,149 | 89,025 | 69,424 | 73,211 | 2,426 | 1. Uwamurera Olive<br>2. Mukarusagara Eliane<br>3. Ndangiza Madina<br>4. Izere Ingrid Marie Parfaite | | |
| AMAJYEPFO | 1,987,161 | 15,351 | 11,372 | 1,381,094 | 188,871 | 173,028 | 96,381 | 89,011 | 79,583 | 7,194 | 1. Tumushime Francine<br>2. Uwumuremyi Marie Claire<br>3. Uwababyeyi Jeannette<br>4. Kayitesi Sarah<br>5. Mukabalisa Germaine<br>6. Tumukunde Hope Gasatura | | |
| IBURASIRAZUBA | 2,190,703 | 13,444 | 5,078 | 1,530,632 | 182,628 | 183,279 | 102,369 | 99,173 | 109,581 | 2,097 | 1. Kazarwa Gertrude<br>2. Mushimiyimana Lydia<br>3. Kanyandekwe Christine<br>4. Mukamana Alphonsine<br>5. Uwingabe Solange<br>6. Mukarugwiza Judith | 1.Umuhoza Gashumba Vanessa<br>2.Icyitegetse Venuste | 1.Mbabazi Olivia |
| IBURENGERAZUBA | 1,988,491 | 6,004 | 4,738 | 1,382,537 | 175,515 | 169,897 | 89,177 | 97,399 | 82,019 | 4,071 | 1. Ingabire Aline<br>2. Mukandekezi Francoise<br>3. Nyirabazayire Angelique<br>4. Muzana Alice<br>5. Sibobugingo Gloriose<br>6. Uwamurera Salama | | |
| UMUJYI WA KIGALI | 1,142,514 | 4,489 | 5,079 | 798,616 | 113,787 | 100,901 | 33,508 | 49,137 | 53,961 | 3,190 | 1. Kanyange Phoebe<br>2. Gihana Donatha | | |
| DIASPORA | 62,072 | 1,074 | 1,106 | 42,057 | 8,116 | 9,889 | 53 | 1,749 | 3,169 | 73 | - | - | - |
| **AMAJWI YOSE** | **8,822,794** | **44,479** | **28,466** | **6,126,433** | **770,896** | **767,143** | **410,513** | **405,893** | **401,524** | **19,051** | - | - | - |
| **%** | **99.18** | **0.5** | **0.32** | **68.83** | **8.66** | **8.62** | **4.61** | **4.56** | **4.51** | **0.21** | - | - | - |
| **IMYANYA** | | | | **37** | **5** | **5** | **2** | **2** | **2** | **0** | **24** | **2** | **1** |

### 3.2.2. Amatora y'Abasenateri

Amatora y'Abasenateri **12** batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu yakozwe ku wa 16 Nzeri 2024, ay'Abasenateri **2** bahagarariye Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga akorwa ku itariki ya 17 Nzeri 2024.

Inteko itora Abasenateri 12 batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu yari igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge n'abagize Inama Njyanama z'Uturere bigize buri Ntara. Mu mujyi wa Kigali, inteko itora yari igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge igize Umujyi wa Kigali n'abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali. Muri Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'ibyigenga, inteko itora yari igizwe n'Abarimu n'Abashakashatsi bo muri ibyo bigo.

Amatora y'Abasenateri yitabiriwe ku gipimo cya **96.9%** ku Basenateri batorwa hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu, **80.7%** muri Kaminuza n'amashuri makuru bya Leta na **77.1%** muri Kaminuza n'amashuri makuru byigenga.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana Abasenateri 14 n'amajwi bagize.

***Imbonerahamwe ya 2: Abasenateri batowe n'amajwi bagize***

| Intara/Umujyi wa Kigali | Amazina y'abatowe | Igitsina | Amajwi | % |
|---|---|---|---|---|
| AMAJYARUGURU | NYINAWAMWIZA Laetitia | Gore | 246 | 73.0 |
| | RUGIRA Amandin | Gabo | 211 | 62.6 |
| AMAJYEPFO | UMUHIRE Adrie | Gore | 300 | 70.42 |
| | UWERA Pélagie | Gore | 268 | 62.91 |
| | CYITATIRE Sosthène | Gabo | 263 | 61.74 |
| IBURASIRAZUBA | BIDERI John Bonds | Gabo | 317 | 80.46 |
| | MUKABARAMBA Alvera | Gore | 301 | 76.40 |
| | NSENGIYUMVA Fulgence | Gabo | 270 | 68.53 |
| IBURENGERAZUBA | MURESHYANKWANO Marie Rose | Gore | 286 | 74.67 |
| | HAVUGIMANA Emmanuel | Gabo | 266 | 69.45 |
| | NIYOMUGABO Cyprien | Gabo | 260 | 67.88 |
| UMUJYI WA KIGALI | NYIRASAFARI Espérance | Gore | 63 | 55.26 |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYA LETA | NGARAMBE Télesphore | Gabo | 808 | 54.89 |
| KAMINUZA N'AMASHURI MAKURU BYIGENGA | UWIMBABAZI Penine | Gore | 674 | 97.68 |

### 3.2.3. Amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali

Amatora yakozwe ku wa 16 Kanama 2024 hatorwa Abayobozi mu Mujyi wa Kigali ku buryo bukurikira.


KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

*Imbonerahamwe ya 3: Abayobozi b'Umujyi wa Kigali batowe*

| Urwego rwatowe | Amazina y'Abatowe | Amajwi bagize (%) | Umwanya batorewe |
|---|---|---|---|
| Inama Njyanama | 1. GATERA Frank | 47.5 | Umujyanama/Gasabo |
| | 2. BAGUMA Rose | 41.5 | Umujyanama/Gasabo |
| | 3. NYINAWINKINDI Liliose Larisse | 50 | Umujyanama/ Kicukiro |
| | 4. TSINDA Aimé | 62.6 | Umujyanama/ Kicukiro |
| | 5. URUJENI Martine | 67.5 | Umujyanama/ Nyarugenge |
| | 6. SEMAKULA Muhammed | 55.8 | Umujyanama/ Nyarugenge |
| Biro y'Inama Njyanama | 1. MUGENZI KAJENERI Christian | 100 | Perezida |
| | 2. NISHIMWE Marie Grâce | 100 | Visi Perezida |
| | 3. NYINAWINKINDI Liliose Larisse | 100 | Umunyamabanga |
| Komite Nyobozi | 1. DUSENGIYUMVA Samuel | 100 | Umuyobozi w'Umujyi |
| | 2. DUSABIMANA Fulgence | 67.7 | Umuyobozi Wungirije ushinzwe Imiturire n'Ibikorwa Remezo |
| | 3. URUJENI Martine | 100 | Umuyobozi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho Myiza y'Abaturage |

### 3.2.4. Amatora yo gusimbura Abayobozi mu Nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu

Amatora yo gusimbura yakozwe kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Akarere ku Bayobozi b'Inzego z'Ibanze, no kugera ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali ku Nama z'Igihugu.
Amatora nyirizina yayobowe hagati y'itariki ya 22/02/2025 (ku Mudugudu) n'iya 31/03/2025 (ku Ntara n'Umujyi wa Kigali), hasimburwa Abayobozi bose hamwe **14,683**.

Imbonerahamwe ikurikira irerekana icyegeranyo cy'Abayobozi batowe kuri buri rwego mu Nzego z'Ibanze no mu Nama z'Igihugu n'igipimo (%) cy'isimburwa hagereranyijwe n'abatowe mu matora rusange yo mu mwaka wa 2021 na 2023 kuri Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu.

*Imbonerahamwe ya 4: Imibare y'Abayobozi basimbuwe mu Nzego z'Ibanze no mu Nama z'Igihugu*

| No | Urwego | Umubare w'abasimbuwe mu mwaka wa 2024 | Abatowe mu myaka ya 2021 na 2023[1] | Igipimo cy'abasimbuwe (%) |
|---|---|---|---|---|
| **ABASIMBUWE BOSE** | | **14,683** | **433,494** | **3.4** |
| **1** | **Inzego z'Ibanze** | **11,031** | **171,068** | **6.4** |
| | Inama Njyanama y'Akarere | 11 | 458 | **2.4** |
| | Biro y'Inama Njyanama y'Akarere | 7 | 81 | **8.6** |
| | Komite Nyobozi y'Akarere | 4 | 81 | **4.9** |
| | Biro y'Inama Njyanama y'Umurenge | 91 | 1,248 | **7.3** |
| | Inama Njyanama y'Umurenge | 252 | 8,915 | **2.8** |
| | Biro y'Inama Njyanama y'Akagari | 589 | 6,438 | **9.1** |
| | Inama Njyanama y'Akagari | 1105 | 39,331 | **2.8** |

[1] Biro z'Inama Njyanama z'Imidugudu zatowe bwa mbere mu mwaka wa 2023

| No | Urwego | | Umubare w'abasimbuwe mu mwaka wa 2024 | Abatowe mu myaka ya 2021 na 2023[1] | Igipimo cy'abasimbuwe (%) |
|---|---|---|---|---|---|
| | Biro y'Inama Njyanama y'Umudugudu | | 487 | 44,211 | **1.1** |
| | Komite Nyobozi y'Umudugudu | | 8,485 | 70,305 | **12.1** |
| **2** | **Inama z'Igihugu** | | **3,652** | **262,426** | **1.4** |
| | **Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore** | | **1,601** | **116,606** | **1.4** |
| | | Intara | 3 | 35 | **8.6** |
| | | Akarere | 0 | 210 | **-** |
| | | Umurenge | 275 | 2,912 | **9.4** |
| | | Akagari | 564 | 15,022 | **3.8** |
| | | Umudugudu | 759 | 98,427 | **0.8** |
| | **Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko** | | **3,204** | **127,676** | **2.5** |
| | | Akarere | 0 | 270 | **-** |
| | | Umurenge | 686 | 3,347 | **20.5** |
| | | Akagari | 1,285 | 16,535 | **7.8** |
| | | Umudugudu | 1,233 | 107,524 | **1.1** |
| | **Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga** | | **448** | **18,144** | **2.5** |
| | | Akarere | 0 | 210 | **-** |
| | | Umurenge | 132 | 2,912 | **4.5** |
| | | Akagari | 316 | 15,022 | **2.1** |

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, ku rwego rw'Igihugu hasimbuwe **3.4%** by'Abayobozi batakiri mu myanya, bagizwe na **6.4%** mu Nzego z'Ibanze na **1.4%** mu Nama z'Igihugu. Komite Nyobozi y'Umudugudu mu Nzego z'Ibanze na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Umurenge mu Nama z'Igihugu nizo nzego zasimbuje ku gipimo cyo hejuru (**12.1%** na **20.5%**).

### 3.2.5. Ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora

Ku bufatanye na QT na RISA, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangiye mu mwaka wa 2023 umushinga w'ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora (REIMS) hagamijwe kurushaho kunoza imigendekere y'amatora.
Porogaramu yashyizweho yafashije mu matora rusange yakozwe mu gutunganya ilisiti y'itora no guhuza ku buryo bwihuse ibyavuye mu matora kuva ku biro by'itora kugera ku rwego rw'Igihugu.
Umwaka wa 2024-2025 warangiye iyo porogaramu imaze kunozwa no gukorerwa igerageza mu bice (modules) byayo byose biyigize.

## 3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoze isuzumamigendekere rya gahunda y'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2023-2024, inahugura bimwe mu byiciro bigira uruhare mu matora harimo cyane cyane Abakorerabushake bayoboye amatora ku miyoborere y'amatora n'imyitwarire yabo mu bihe by'amatora.


KN39 St www.nec.gov.rw ✉: info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'abahuguwe mu mwaka wose.

***Imbonerahamwe ya 5: Imibare y'abahuguwe ku matora mu mwaka wa 2024-2025***

| Nº | ICYICIRO | ABAHUGUWE | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | BOSE | ABAGORE | % | ABAGABO | % |
| 1 | Abakorerabushake bayoboye amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite, Abasenateri n'ay'Umujyi wa Kigali | **94,436** | 47,675 | 50.5 | 46,761 | 49.5 |
| 2 | Abahuzabikorwa b'amatora ku Mirenge bahuguye urubyiruko ruri ku rugerero | **806** | 244 | 30.3 | 562 | 69.7 |
| 3 | Urubyiruko | **25,341** | 12,532 | 49.5 | 12,809 | 50.5 |

## 3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO N'IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo yamenyekanishije ibikorwa byayo bitandukanye harimo cyane cyane iby'amatora n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora binyujijwe mu miyoboro y'itangazamakuru inyuranye, inakorana n'inzego zitandukanye mu gihugu no mu mahanga.

### 3.4.1. Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo

Inzira z'itumanaho zishoboka zose zarakoreshejwe mu kugeza amakuru y'amatora n'ibindi bikorwa ku baturage n'abandi bafatanyabikorwa cyane cyane mu bihe by'amatora ya Perezida wa Repubulika n'Abadepite, amatora y'Abasenateri n'amatora y'Abayobozi b'Umujyi wa Kigali.

Uburyo bw'ingenzi bwakoreshejwe ni ubu bukurikira:

- Ikiganiro "Inzira ya Demokarasi"cya buri wa kabiri w'icyumweru;
- Ikoranabuhanga rigezweho n'imbuga nkoranyambaga (urubuga rwa Komisiyo (website), X(Twitter), Facebook, Instagram;
- Ubutumwa bugufi (SMS) no mu bitangazamakuru;
- Inama n'ibiganiro mbwirwaruhame;
- Inyandiko mpine (flyers);
- Ibyapa binini (posters) n'ubutumwa bumanitse (Banners);
- Ibiganiro n'itangazamakuru (press conference);
- Ibiganiro kuri radiyo na televiziyo.

### 3.4.2. Imikoranire n'izindi nzego

Komisiyo yagize uruhare mu bikorwa bitandukanye by'izindi nzego zo mu gihugu no mu mahanga zitandukanye n'izifite aho zihuriye n'amatora by'umwihariko. Ku nzego zo mu gihugu hakozwe iby'ingenzi bikurikira:

- Kwakira abashyitsi baturutse hirya no hino barimo indorerezi z'amatora n'Abakandida Senateri mu matora yo mu mwaka wa 2024;
- Kwitabira kuwa 25/04/2025 igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi ku bufatanye na MINALOC, ibigo biyishamikiyeho, Minisiteri y'Umutekano, Minisiteri y'Abakozi ba Leta, Ikigo gishinzwe abinjira n'abasohoka mu gihugu n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe (CHENO);
- Gusura ku itariki ya 20 Kamena 2025 Urwibutso rwa Jenoside rwa GISOZI no kunamira abatutsi barushyinguyemo;


KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

- Kwitabira igikorwa cyiswe **"Nawe wagera kure"** cyateguwe na Minisiteri y'Uburezi cyari kigamije gushishikariza abana biga mu mashuri abanza kurushaho gukunda ishuri no guharanira kugera ku nzozi zabo;
- Gutanga ibiganiro ku nsanganyamatsiko **"Uruhare rw'intore mu ikoranabuhanga mu nshingano mboneragihugu n'imigendekere myiza y'amatora"** ku matariki ya 5 na 22 Gicurasi 2025 mu Kigo cy'Ubutore cya Nkumba mu Itorero ry'Intore 972 mu ikoranabuhanga **"Indashyikirwa"** (icyiciro cya 4 n'icya 5) ku bufatanye na MINUBUMWE na RISA.

Ku rwego mpuzamahanga, hakozwe ibi bikurikira:

- Kwakira ba Meya bo mu gihugu cya Cameroun baje mu rugendoshuri mu Rwanda;
- Perezida wa Komisiyo, Madamu Oda GASINZIGWA, yitabiriye inama ya AAEA yabereye muri Ghana kuva 04-07/08/2024 ku ishyirwaho rw'Ihuriro ry'Abaperezida b'Abagore ba Komisiyo z'Amatora muri Afurika;
- Komiseri UWERA Françoise yahagarariye Komisiyo ari indorerezi y'amatora y'Abagize Inteko Ishingamategeko muri Senegal kuva 15-20/11/2024 ku butumire bw'Umuryango w'Ibihugu bivuga Igifaransa (OIF).

## 3.5. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku birebana n'imicungire y'abakozi n'ingengo y'imari.

### 3.5.1. Imicungire y'abakozi

Ibikorwa by'ingenzi byatunganyijwe ni ibi bikurikira:

- **Gusuzuma no gutegura Imihigo y'Abakozi:** hasuzumwe imihigo y'umwaka wa 2023-2024.
  Nk'uko biteganywa n'amategeko, abakozi **26** bazamuwe mu ntera ntambike (horizontal promotion), hanategurwa imihigo y'umwaka wa 2024-2025.
- **Gushaka, gucunga no gushyira abakozi mu myanya** ku buryo bukurikira:

(1) Komisiyo yakiriye umukozi mushya ushinzwe Imicungire y'Ingengo y'Imari (Budget Officer), Bwana NDAYISENGA Léopold;

(2) Bwana Kalimunda Djamada wari Umuhuzabikorwa w'ibikorwa by'amatora mu Ntara y'Iburengerazuba yagiye mu kiruhuko cy'izabukuru kubera impamvu z'uburwayi.

### 3.5.2. Imicungire y'ingengo y'imari

Mu mwaka wa 2024-2025 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje ingengo y'imari ingana na **6,355,243,767Frw,** bingana na **99.9%** by'ingengo y'imari yose yahawe ingana na **6,359,028,168 Frw** nk'uko imbonerahamwe ikurikira ibyerekana.



KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections

*Imbonerahamwe ya 6: Ingengo y'imari Komisiyo yabonye n'uko yakoreshejwe mu mwaka wa 2024-2025*

| **Uko ingengo y'imari yakoreshejwe** | **Ingengo y'imari** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Iyemejwe** | | | **Iyakoreshejwe** | **%** | **Yasigaye** | **%** |
| | **Mu ntangiriro y'umwaka** | **Inyongera** | **Yose** | | | | |
| Imishahara n'uduhimbazamusyi | 2,147,380,604 | | 2,147,380,604 | 2,078,346,963 | 96.8 | 69,033,641 | 3.2 |
| Ibikoresho byo mu biro no gutubura inyandiko | 106,871,860 | | 106,871,860 | 106,081,718 | 99.3 | 790,142 | 0.7 |
| Gucapa Impapuro z'Itora | 1,560,104,852 | | 1,560,104,852 | 1,560,104,852 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Ibikoresho na porogaramu by'ikoranabuhanga | 78,550,620 | | 78,550,620 | 78,550,620 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Gutwara Abantu n'Ibikoresho | 1,077,938,905 | | 1,077,938,905 | 1,144,699,247 | 106.2 | -66,760,342 | -6.2 |
| Korohereza abakorerabushake b'amatora | | 238,517,200 | 238,517,200 | 238,517,200 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Itumanaho | 150,163,857 | | 150,163,857 | 149,933,257 | 99.8 | 230,600 | 0.2 |
| Kumenyekanisha ibikorwa | 310,307,820 | | 310,307,820 | 310,307,820 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Amazi n'amashanyarazi | 61,820,000 | | 61,820,000 | 61,820,000 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Gufata neza no gusana inyubako n'ibikoresho | 37,444,950 | | 37,444,950 | 37,444,860 | 100.0 | 90 | 0.0 |
| Umutekano | 88,000,000 | | 88,000,000 | 88,000,000 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Gutera inkunga ibikorwa mbonezamubano | 7,300,000 | | 7,300,000 | 7,289,730 | 99.9 | 10,270 | 0.1 |
| Kugura Serivisi zitandukanye | 9,370,000 | | 9,370,000 | 9,000,000 | 96.1 | 370,000 | 3.9 |
| Ubwishingizi | 17,461,597 | | 17,461,597 | 17,461,597 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu | 12,525,000 | | 12,525,000 | 12,515,000 | 99.9 | 10,000 | 0.1 |
| Imyambaro y'abayobora amatora | 100,000 | 455,170,903 | 455,270,903 | 455,170,903 | 100.0 | 100,000 | 0.0 |
| **IGITERANYO** | **5,665,340,065** | **693,688,103** | **6,359,028,168** | **6,355,243,767** | **99.9** | **3,784,401** | **0.1** |

## 3.6. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

### 3.6.1. Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 26 Werurwe 2025 yashyizeho abagize Inama y'Abakomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bakora ku buryo buhoraho. Ku italiki ya ku itariki ya 11 Mata 2025 aba bakurikira barahiriye imbere ya Perezida w' Urukiko rw' Ikirenga:

1) Madamu GASINZIGWA Oda, Perezida;
2) Bwana HABIMANA Kizito, Visi Perezida;
3) Madamu NYIRAMADIRIDA Fortunée, Komiseri;
4) Madamu MUTIMUKEYE Nicole, Komiseri;
5) Madamu UMWARI Carine, Komiseri;
6) Bwana SEMANYWA Faustin, Komiseri;
7) Madamu UWERA KABANDA Françoise, Komiseri;
8) Madamu MBABAZI Judith, Komiseri.

Hashingiwe ku biteganywa n'itegeko rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hashyizweho inshingano z'Abakomiseri , mu byiciro bine(4) bikurikira:

1. Ibikorwa by'amatora (Electoral operations);
2. Uburere mboneragihugu n'Itumanaho (Civic education and Communication);
3. Ibirebana n'Amategeko (Legal affairs);
4. Ubushakashatsi no guhanga udushya (Research, innovations and publications).

Ubu buryo bw'imikorere bwatanze umusaruro kuko bwihutishije gutegura ibikorwa ndetse n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

### 3.6.2. Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Nk'urwego rwa tekiniki rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora rufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri munsi ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwatunganyije ibikorwa bitandukanye harimo cyane cyane ibirebana n'imyiteguro n'imiyoborere y'amatora yakozwe mu mwaka wa 2024-2025 n'indi mirimo ijyanye no gushyigikira ibyo bikorwa by'amatora by'umwihariko irebana n'ubugenzuzi, ibikoresho n'imari, inama, gutanga no gucunga amasoko, gucunga inyandiko n'ubushyinguranyandiko, ikoranabuhanga n'igenamigambi.

Mu mwaka wa 2024-2025, Komisiyo yahawe Umunyamabanga Nshingwabikorwa mushya, Bwana MUSABYIMANA Jean Claude, asimbuye Bwana MUNYANEZA Charles. Ihererekanyabubasha ryabaye ku wa 23/12/2024, rihagararirwa n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Madamu KAYISIRE Solange, ari kumwe na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Madamu GASINZIGWA Oda imbere y'Abakomiseri n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

## 3.7. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Kongerera ubushobozi Komisiyo mu mwaka wa 2024-2025 byibanze ku birebana no kongerera ubumenyi butandukanye abakozi n'Abakomiseri no kubaka ubushobozi mu ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego hakozwe ibi bikurikira:

1) Guhugura abakozi bo mu Ishami ry'Imari n'Umutungo ku micungire y'imari ya Leta;
2) Guhugura abakozi bashinzwe imicungire y'Abakozi n'igenamigambi ku mikorere ishingiye ku musaruro (RBM);
3) Amahugurwa y'abakozi bashinzwe igenamigambi n'ingengo y'imari ku itegurwa rya gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2025-2026;
4) Amahugurwa y'abakozi n'Abakomiseri ku ikoreshwa rya GSAS (Government Smart Administration System) ku bufatanye na RISA na AOS mu rwego rwa gahunda ya Leta yo koroshya ihererekanya ry'amakuru no kugabanya ikoreshwa ry'impapuro mu kazi;
5) Gushyira internet mu biro bya Komisiyo mu Turere ku bufatanye na RISA na BSC.

## 4. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2025-2026

Mu mwaka wa 2025-2026 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izibanda ku bikorwa by'ingenzi bikurikira:
1) Gutegura amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu;
2) Kuvugurura Ilisiti y'Itora hifashishijwe ikoranabuhanga;
3) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Inzego zitorerwa;
4) Gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora;
5) Kongerera ubushobozi Komisiyo, abakomiseri n'abakozi bayo.

## 5. UMUSOZO

Muri rusange ibikorwa byari biteganyijwe mu mwaka wa 2024-2025 byarakozwe kandi ku gipimo gishimishije. Iby'ingenzi muri byo ni ibyarebanaga n'imyiteguro n'imiyoborere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, amatora y'Abasenateri n'amatora y'abagize Inama Njyanama, Biro na Komite Nyobozi by'umujyi wa Kigali, yose yakozwe mu gihembwe cya mbere cy'umwaka.

Ibindi bikorwa byibanzweho ni ibirebana n'inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, kongerera ubushobozi Komisiyo n'abakozi binyuze mu guteza imbere ikoranabuhanga mu mikorere cyane cyane mu bikorwa by'amatora, gushaka ibikoresho na serivisi bikenerwa mu kazi, kongerera ubumenyi abakozi n'ibindi bikorwa bitandukanye birebana no kunoza imikorere n'imirimo ya buri munsi muri Komisiyo.

Mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2025-2026, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izashyira imbaraga mu myiteguro y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu, kuvugurura ilisiti y'itora hifashishijwe porogaramu y'ikoranabuhanga yashyizweho, gukomeza gutegura amatora yo kuzuza mu nzego zitorerwa no gukomeza gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira abagize uruhare mu bikorwa byatunganyijwe mu mwaka wa 2024-2025, by'umwihariko Abanyarwanda bose ku ruhare bagize mu matora yavuzwe haruguru na Leta y'u Rwanda ku bushobozi ihabwa mu kurangiza neza inshingano zayo.


KN39 St www.nec.gov.rw : info@nec.gov.rw Toll free: 9101 X: @rwandaelections